

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA  
MADAMU JEANNETTE KAGAME  
MU IHURIRO RY'URUBYIRUKO  
“IGIHANGO CY’URUNGANO.”**

*Intare Conference Arena, ku wa 25 Mata 2025*

**Rubyiruko, bana bacu,**  
**Bayobozi mu nzego zose z'igihugu cyacu,**  
**Bafatanyabikorwa bacu,**  
**Babyeyi, Bavandimwe,**

**Mwaramutse neza!**

- Turibuka ku nshuro ya 31, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nk'uko bisanzwe iri huriro turihuza no kwibuka urubyiruko rwishwe muri Jenoside.
- ***Kubibuka, si iby'uyu munsi gusa! Ahubwo, ntiturata igiti!***
- ***Kuko abacu, bahorana umwanya ukomeye mu buzima bwacu.***
- ***Bakomeze baruhukire mu mahoro!***
- ***U Rwanda rwongeye kuba 'I Rwanda'!***
- Mu kwibuka kandi, tuzirikana abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi. **Impore**, ni ryo jambo tubona ryo kubabwira. Ni ijambo rigufi, ariko ribumbatiye byinshi mu rurimi rwacu no mu mitima yacu. Kwemera kwirenga kwanyu, ni kimwe mu byubatse umusingi w'ubumwe, ubudaheranwa no kubaka igihugu cyacu, kandi kidaheza.

## **Bana Bacu,**

- Amateka yacu ntimwayahisemo, ariko u Rwanda rwo, mwaruvutsemo narwo rubavukamo!
- Ni cyo gihugu cyonyine dufite tutagira undi tukiburana.
- Uko ubushakashatsi bugaragaza ko haba ihererekana ry'ihungabana ryambukiranya ibisekuru, ni na ko bwerekana ko n'ingengabitekerezo ishobora guhererekana; mu gihe hatabaye amahitamo meza, ndetse n'urungano ruyarwanira, kandi rukayahererekanya.
- Muri iyi myaka 31, twabonye akamaro ko kubumbatira ubumwe n'ubudaheranwa byacu; guharanira ukuri kwera, igihe hari abagamije ikibi; tukimakaza gushyira u Rwanda n'Abanyarwanda imbere ya byose.

## **Rubyiruko, Bana b'u Rwanda,**

- Tuzi ko mushoboye byinshi. N'ubwo bimeze bityo ariko, hari aho umuntu agera akumva abababariye:
- Uyu munsi nk'urubyiruko muzengurutswe n'amakuru menshi aturuka ku mbuga nkoranyambaga, ndetse n'abantu ku giti cyabo bumva “bafite ijambo.”
- Ubu, hari abantu bigize impuguke ku Rwanda, ku buryo buri wese abyuka yumva afite icyo aruvugaho, byitwa ko agamije ineza y'Umunyarwanda! Aka wa mugani ngo “Urusha nyina w'umwana imbabazi...ubwo murumva icyo bashaka kuvuga?

- Muri ibyo byinshi mwumva, umuhanga ni uzabasha gushishoza no gusesengura, akamenya ibyo yumva n'ibyo akurikira. Mwe mukiri bato rero, hari ibindi dukwiriye kuba tubasaba nk'ababyeyi, ariko nanone ntabwo muri bato batakumva impamvu bikiri ngombwa guhagarara ku kuri kw'amateka yacu no gukomeza kwibuka tuniyubaka - byose bikagendera hamwe.

**Muri uko kurinda ukuri kw'amateka yacu rero, hari ibidakwiriye kugibwaho impaka cyangwa gushidikanywaho:**

- Jenoside ntabwo ari **ikiiza** cyangwa indwara itungurana. Ni umugambi wo kurimbura igice cy'abantu, kandi utegurwa ugashyirwa mu bikorwa n'ubutegetsi mu buryo burambuye, kugera n'aho abantu bategura n'uko bazayihakana, ari cyo cyiciro cya nyuma cya Jenoside.
- Ntabwo Jenoside itangirwa n'intwaro no kwica! Itangirwa n'ijambo ryica, ryambura undi ubumuntu, rikagoreka ukuri buhoro buhoro, rikabiba urwango, kugeza n'ubwo umuturanyi akubonamo ikintu kibi akwiriye kwikiza!
- Mbere y'uko amaraso ameneka, ubwonko bw'abantu n'imitekerereze yabo, bibanza gutokozwa n'ikibi ndetse abantu bakumvishwa ko kwica ari inshingano mboneragihugu!
- Ibi mbigarutseho kugira ngo mu izina ry'ababyeyi mbibutse **Bana Bacu**, ko twizeye ubushobodzi bwanyu kandi ko tubabona iyo muhagurutse mu bikorwa bitandukanye byo 'kwimana u Rwanda'.

- Mukomereze aho ndetse munarusheho kuko ingengabitekerezo ya Jenoside, ari virusi mbi mukwiriye kujya mubona hakiri kare maze mukayirinda, mukayikumira, mukayanga, mukayirwanya!
- Muri iyi minsi, imbuga nkoranyambaga ntizikiri gusa urubuga rwo gusangira ubumenyi ndetse n'imyidagaduro, ahubwo zabaye ikibuga cy'intambara, aho ukuri kugorekwa kandi bigakorwa nkana.
- Uko bacyeye n'uko bwije, inkuru zitari ukuri, zivuguruzanya kandi zigamije kutuyobya no gutera urujijo, zikwirakwizwa mu buryo bworoshye.
- Zimwe muri izo nkuru ni izibashishikariza gukemanga impinduka nziza z'igihugu cyanyu, mwakuze mwirebera. Kubacengezamo ko amateka yacu arimo urujijo, ngo namwe mutangire kwibaza niba koko ibyabaye byarabaye, cyangwa niba ibyiza dufite uyu munsi tunabikwiriye koko!
- Imvugo n'ingiro, zibumvisha ko amahitamo ubuyobozi bw'igihugu cyacu bwahisemo y'ubumwe, kubazwa inshingano no kureba kure, bakabyita ko ari politiki mbi!
- Ubu, guhakana Jenoside no gupfobya amateka, ntibigikorwa hakoreshejwe amagambo akakaye gusa nk'ayo ha mbere! Ahubwo, byihishe mu mvugo yoroshye, mu mashusho yoroheje kandi mu buryo umuntu ashobora gutwarwa nayo.

- Hari ababihinduramo inkuru zisekeje cyangwa bakabyita nkana “**uburenganzira bwo kuvuga icyo umuntu atekereza**” - **freedom of expression**, ariko abo bose bazana iyo mitekerereze n’imigirire nta n’umwe utwifuriza icyiza.
- **Bana bacu** nimuhumure, turabumva kandi turahari ngo tugendane muri uru rugendo. Mwe kwemera guheranwa n’ibikomere, mwange ko hari uwakongera kuducamo ibice, ahubwo mukomeze kuba abanyamurava barinda ibyo amateka yatwigishije.

### **Rubyiruko,**

- Muri iri huriro, nagira ngo nongere mbasabe mujye mufata namwe umwanya mwibaze muti: “Ni nde wungukira muri ibi tubwirwa cyangwa dukomeza kumva byo kwambika u Rwanda icyasha, kurusenya no kugoreka amateka yacu?
- Mujye mwibaza muti: Mbese, bari he igihe igihugu cyacu cyari mu mwijima, gifatwa nk’igihugu cyasenyutse burundu?
- Mwongere mwibaze muti ni ryari kandi ni gute batweretse ko baba bishimiye iterambere tugezeho?
- Mu bishishikaza urubyiruko buri munsi, ntimukaburemo imbaraga z’umutima n’ubwenge bwo gushishoza, guhitamo neza ibyo mwemera n’abo mukurikira. Kuko guhitamo ibitari ibyo bingana no kwanga kubaho kuri mwe ubwanyu no ku bazabakomokaho.

- Iyo ubona abantu biyemeza guhora bashakisha ibyadutandukanya, bahereye ku moko, kugera ubwo bahindura abaturanyi abanzi, byose babyitirira “uburenganzira bwa muntu” - aha inyungu ni iza nde?
- Ni nde wungukira mu gukomeza kubona Afrika irimo uku kutumvikana, umwiryane, akavuyo, imvururu, ubukene n’ibindi bibi byose?
- Ni nde wungukira mu kuba Abanyarwanda babwirizwa kutizerana?
- Ni nde wungukira mu kuba Abanyarwanda bakwamburwa agaciro, kugera n’ubwo abo turi bo no kubaho kwacu bishidikanywaho!
- Ni ryari tuzasobanukirwa itandukaniro ry’umuyobozi wihisha inyuma y’inyungu ze bwite cyangwa agatsiko runaka n’umuyobozi uharanira inyungu rusange?
- Ikibabaza kikanatera impungenge ni igihe mwebwe urubyiruko mwaba mutabona ayo mayeri yihishe mu bifuza gusenya! Cyangwa mukabona wenda ko ari ibisanzwe. Ese byaba biteye isoni cyangwa ikimwaro kurwanira cyangwa kugaragara nk’abaharanira ukubaho kwacu?
- Niba dushaka koko kugera ku iterambere rirambye, uyu mwitozo ni ngombwa.

**Bana Bacu, Rubyiruko, Bakuru banyu bari hano ndetse n'Abayobozi turi kumwe uyu munsi,**

- Munyemerere duhere aha, dufatanye muri uyu mwitozo:
- Mutekereze u Rwanda muri aya mashusho abiri:

**Ishusho ya mbere** ni iy'igihugu kirimo Abanyarwanda bumva kandi bakumvira ayo majwi yose asakaza ibigamije kudutandukanya.

- Bashidikanya ku ntego twiyemeje yo kurinda ubumwe bwacu. Nta cyizere bafitiye ubuyobozi ndetse bavuguruza ibyemezo byose n'umurongo washyizweho n'ubuyobozi bw'igihugu cyacu, nyamara atari amatsiko asanzwe yo gushaka gusobanukirwa, ahubwo ari ugushaka guhangana.
- Ni Abanyarwanda bahisemo kwiyambura **ubunyarwanda**, bakaba abanzi b'ubumwe bwacu n'u Rwanda, maze amahoro n'umutekano dufite uyu munsi babisimbuza gushyira imbere amoko.
- Urwo rero ni rwo Rwanda bamwe bifuza kubona. Murumva se ikindi cyavamo ari iki, kitari igihugu gikennye, gicitsemo ibice, kirimo umwiryane kandi byoroshye kuyobya.

Mu **ishusho ya kabiri**, mutekereze u Rwanda nk'igihugu cyakoze andi mahitamo kandi akwiye.

- Ni igihugu kirimo Abanyarwanda bemye, batemera ibivugwa byose nta kwibaza no kubaza ibibazo by'ingenzi ngo bimenyere ukuri.

- Ni Abanyarwanda bumvise, baranyurwa kandi bashyigikira ubuyobozi budaheza, ahubwo bushyira iterambere ry'Umunyarwanda ku isonga.
- Ni Abanyarwanda bihesha Agaciro, bemera kandi bakarinda amateka yabo, batagamije gutoneka ibikomere cyangwa kuyirata nk'uko hari abajya babivuga.
- **Ni Abanyarwanda kandi bakomeye k' Ubudasa bw'u Rwanda, kuko nta wundi uzaruvuga imyato. Ni bo bene u Rwanda.**
- Murebe aya mashusho abiri mwihitiremo aho mukwiriye kuba muri.

### **Bana bacu, Bashyitsi bahire, Banyarwanda,**

- Ntitwavuga Kwibuka no kurinda amateka ngo birangirire aho gusa. **Never Again** yacu ntabwo ari intero cyangwa imvugo gusa, ahubwo ni amahitamo yacu.
- Ku bacu bahisemo kutumva ayo mahitamo, batemera kugendana natwe mu rugendo rwo komora ibikomere no guhindura igihugu cyacu, u Rwanda ni urwacu twese, nta n'urundi tuzabona. Bibuke ko kizira, ntawe utera ibuye aho ajishe igisabo.
- Naho abiyeje kubangamira amahitamo yacu nabo: Nibasigeho! Ntawe uyobewe ko bafite byinshi bakwitaho mubihugu byabo.
- Baturekere ikirezi cyacu cyera - **Gatokeza Rwanda yacu!**
- Dukunde u Rwanda rwacu, kuko nta wundi uzabidukorera.

- Mube abarinzi b'amateka, b'ukuri, ubumwe n'ubudaheranwa byacu. Uku niko kwibuka iteka urungano rwanyu rwishwe muri Jenoside tuzirikana uyu munsi.
- **Rubyiruko, Bana Bacu**, muramenye ntimuzatatire **igihango cy'urungano!**

Murakoze! Dukomeze “**Twibuke Twiyubaka!**”